REPUBLIQUE DU RWANDA

COUR SUPREME

BP: 2197 Kigali

ITEGEKO No 0001/2019/SC RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI

UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KUZA KUBURANA URUBANZA RWE

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa **17** Ukwezi kwa **Mutarama ;**

Twebwe **Sam RUGEGE**, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, dufashijwe na **RUKUNDAKUVUGA J.M. Olivier**, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza **RS/INJUST/RP 00006/2018/SC rw'Ubushinjacyaha C/ RUKUNDO Jean Claude, NIYIBIZI JMV, UFASHIJWENIMANA Leonard na RUTAYISIRE Danny**, ruzababuranishwa kuwa **25/03/2019**;

Tumaze kubona ko **NIYIBIZI Jean Marie Vianney, UFASHIJWENIMANA Léonard na RUTAYISIRE Danny** badafite aho babarizwa hazwi mu Rwanda cyangwa mu mahanga;

Dushingiye ku ngingo ya 127 na 132 z'itegeko n°30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko ihamagara rya **NIYIBIZI Jean Marie Vianney, UFASHIJWENIMANA Léonard na RUTAYISIRE Danny** rimanikwa ku Rukiko rw'Ikirenga ahagenewe kumanikwa amatangazo. Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'amezi abiri (2);

Kopi y'iri hamagara bazayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga

Iri tegeko ritangajwe mu kinyamakuru: **IMVAHO NSHYA**

Bikorewe mu biro byacu ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

Sam RUGEGE
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

RUKUNDAKUVUGA J.M. Olivier
Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga